/M.D./

08 MAI 1984

1656 /15.07

Monsieur l'Encadreur S/Régional
de la Jeunesse et des Sports de
la S/Préfecture de KANAZI
K I G A L I.

Monsieur l'Encadreur,

Me référant à votre lettre n°26/15.04 du 22/2/1984 transmettant le Procès-Verbal de la réunion des Encadreurs de la Jeunesse et des Sports de la S/Préfecture de KANAZI, j'ai l'honneur de porter à votre connaissance que je suis content de l'initiative que vous avez prise en invitant les responsables de la Jeunesse en cette réunion pour étudier ensemble les programmes à mener pour un meilleur encadrement des jeunes de votre région.

Je vous encourage à continuer dans cette voie car les jeunes attendent beaucoup du travail de leurs encadreurs.

Le Ministre de la Jeunesse
et du Mouvement Coopératif
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.

C.P.I.A:
- Monsieur le S/Préfet de la S/Préfecture
  KANAZI - KIGALI.
- Monsieur l'Encadreur de la Jeunesse et
  des Sports
  K I G A L I.

/M.D./

REPUBLIQUE RWANDAISE

Kigali, le 08 MAI 1984

MINISTRE pour approbation

No /15.07

MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DES SPORTS
B. P. 1044 Kigali

30/4/84

Réf. No :

Annexe :

Objet :

Monsieur l'Encadreur S/Regional
de la Jeunesse et des Sports de
la S/Préfecture de KANAZI
K I G A L I.

Monsieur l'Encadreur,

Me référant à votre lettre n°26/15.04 du 22/2/1984 transmettant le Procès-Verbal de la réunion des Encadreurs de la Jeunesse et des Sports de la S/Préfecture de KANAZI, j'ai l'honneur de porter à votre connaissance que je suis content de l'initiative que vous avez prise en invitant les responsables de la jeunesse en cette réunion pour étudier ensemble les programmes à mener pour un meilleur encadrement des jeunes de votre région.

Je vous encourage à continuer dans cette voie car les jeunes attendent beaucoup du travail de leurs encadreurs.

Le Ministre de la Jeunesse
et du Mouvement Coopératif
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.

C.P.I.à:
- Monsieur le S/Préfet de la S/Préfecture
KANAZI - KIGALI
- Monsieur l'Encadreur de la Jeunesse
et des Sports
K I G A L I.

/M.D.V

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DES SPORTS
B. P. 1044 Kigali

Kigali, le ........................................

N° / 15.07

Réf. N°:

Annexe :

Objet :

Projet ! Dominique
[signature] 27/11/84.

Monsieur l'Encadreur S/Regional
de la Jeunesse et des Sports de
la S/Préfecture de KANAZI
K I G A L I

Monsieur l'Encadreur,

Me référant à votre lettre n°26/15.04 du 22/2/1984 transmettant le Procès-Verbal de la réunion des Encadreurs de la Jeunesse et des Sports de la S/Préfecture de KANAZI, j'ai l'honneur de porter à votre connaissance ~~je me réjouis~~ je suis content de l'initiative que vous avez prise en invitant les responsables de la jeunesse en cette réunion pour étudier ensemble les programmes à suivre pour un meilleur encadrement des jeunes de votre région ~~je vous annonce que la tenue de cette réunion justifie que vous êtes en voie de changer votre comportement à l'égard du service vous confié.~~

Je vous encourage à continuer dans cette voie ~~aller toujours de l'avant pour mieux subvenir aux besoins des jeunes.~~ car les jeunes attendent beaucoup du travail de leurs encadreurs.

Le Ministre de la Jeunesse
et du Mouvement Coopératif
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.

C.P.I.

- Monsieur le S/Préfet de la S/Préfecture
KANAZI - KIGALI
- Monsieur l'Encadreur de la Jeunesse et des
Sports
K I G A L I.

/M.E./M.A.M./

Kigali, le

N°          /18.07

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko
n'Imikino muli S/Prefegitura
KANAZI - KIGALI

Bwana Umuyobozi,

Nkulikije ibaruwa yawe n° 26/15.04.09 yo ku wa 22/2/1984 yangezagaho inyandiko-mvugo y'inama y'abayobozi b'urubyiruko n'imikino muli S/Prefegitura ya KANAZI yabaye ku italiki ya 20/2/1984, nejejwe no kukumenyesha ko nishimiye cyane ko wiminjiliyemo agafu, ugatangira kwikosora no gutunganya neza akazi ushinzwe, ibyo bikaba byaragaragaliye muli iliya nama wakoreshejeje.

Nizeye ko uzakomeza kujya witangira urubyiruko, ukarwegera, ukarugira inama yarugilira akamaro.

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.

Bimenyeshejwe :
- Bwana Suprefe wa Suprefegitura
  KANAZI - KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
  muli Prefegitura
  K I G A L I

M.E/

Kigali, le ---

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko
n'Imikino muli S/Prefegitura KANAZI
Kigali

Bwana Umuyobozi,

Nkulikije ibaruwa yawe n° 26/15.04/09 yo ku wa 22/2/1984 yangezaho inyandiko-mvugo y'inama y'abayobozi b'urubyiruko n'imikino muli S/prefegitura ya KANAZI yabaye ku italiki ya 20/2/1984, nejejwe no kukumenyesha ko nishimiye uyane ko wimirijiyemo agafu, ugatangira kwikosora no gutunganya neza akazi ushinzwe, ibyo bikaba byagaragaliye muli iliya nama wakoreshejeje.

Nizeye ko uzakomeza kujya witangira urubyiruko, ukarwegera, ukarugira inama yarugilira akamaro.

Bimenyeshejwe:
- Bwana Suprefe wa Suprefegitura KANAZI / Kigali.
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura Kigali.

Minisitiri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
Ndindiliyimana Augustin
Major BEM.

Inyandiko-mvugo y'inama y'Abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli S/Prefegitura KANAZI yabaye kuwa 20/02/1984.

Abagize ubuyobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli S/prefegitura KANAZI na Encadreur Régional Adjoint wa Prefegitura ya KIGALI kuwa 20/2/84 basuzuma ingingo zikulikira :

1° Comportement na Ponctualité

Umuyobozi w'inama yasobanuye icyo alicyo "Ponctualité", Encadreur Régional-Adjoint asobanura icyo "Comportement" bivuga. Ponctualité si ugutangira akazi kw'isaha gusa, ahubwo no gutanga programu na raporo bilimo. Ku byerekeye Comportement, buli wese agomba kurangwa n'isuku, ntasebanye, akita ku kazi ke.

2° Gufatanya n'izindi services

Kuko Ministeri y'Urubyiruko bayongereyeho Mouvement Coopératif, ubufatanye n'abakora muli iyo service bugomba kwiyongera. Mu gihe cyo kwandika amabaruwa, Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino agomba gutandukanywa n'Umuyobozi wa Koperative. Mu nama z'urubyiruko, konseye, selire n'abatekenisiye baba bahali igihe ali ngombwa.

3° Amashyirahamwe y'urubyiruko

Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli S/Prefegitura ya KANAZI yasabye ko nibura buli mwaka hashyirwaho amashyirahamwe abili; yibukije gukulikirana imigendekere y'asanzweho; asobanura ko i NYAMATA hateganyijwe C.F.J. ya J.O.C, ko urubyiruko rw'ako karere rwazayigana.

4° Gutegura athlétisme na rencontres sportives

Irushanwa muli athlétisme hagati ya S/Prefegitura KANAZI na RUSHASHI liteganyijwe mu kwezi kwa 6. Umupira w'amaguru wateye imbere. Urubyiruko rwa S/Prefegitura KANAZI rulitegura kuzegukana igikombe rumaze kutsindira inshuro ebyili.

.../...

5° Recensement y'urubyiruko muli za Centres Commerciaux

Bagomba gukora iyo recensement bagamije kumenya no gushakira urubyiruko icyo rukora (occupation) kandi narwo rugakora umuganda.

6° Kubyerekeye A.I.J.

Umwaka w'1985, umwaka mpuza-mahanga w'urubyiruko uzarangwa ahanini n'ibikorwa. Umwaka w'1984 ni uwo kugaragaza umurego mu kazi ko kuyobora urubyiruko kugira ngo nyine rwitegure umwaka w'1985. Inama yashoje imilimo yayo yibutsa ko cotisation ya voyage d'étude y'abayobozi b'urubyiruko bo muli Kigali ali amafranga 500 (500 FRW).

Umuyobozi w'inama yamenyesheje ko ku wa 8/3/1984 hali inama ku rwego rwa Prefegitura. Yasabye ko abali mu nama bakohereza vuba ibisubizo basabwe na U.N.R. BUTARE kubyerekeye ibibazo by'urubyiruko muli iki gihe.

Avis

Ndabona Encadreur S/Régional wa Kanazi atangiye kujya yibwiliza iby'akazi. Iyi nama yavugiwemo ibintu byiza byerekeye akazi.-

[signature]
DWENC
16.3.84.-

NYIRAGARUKA Berthilde.-

[signature]

DEP
~~a exploiter~~
7/3/84

REPUBLIQUE RWANDAISE
S/PREFECTURE KANAZI
ENCADREMENT S/REGIONAL
DELA JEUNESSE ET DES SPORTS

Nyamata le 22/2/1984
No26/15.04/09

NYIRAHABARUKA
9/3/84

A traiter par DEJ 2/3/84
Date entrée: 28/02/84
N° Classement: 1195/15.04

Impamvu: Inyandiko mvugo y'inama.

9/3/84

Bwana Encadreur Régional
Préfecture Kigali

Bwana Encadreur Régional,

Hamwe n'iyi baruwa mboneyeho kubohererereza Inyandiko -mvugo y'inama y'abayobozi b'urubyiruko n'imikino muli s/préfecture Kanazi Iyo nama yabereye mu biro bya s/préfecture Kanaziku wa 20/2/1984.

Mbifurije akazi keza

Encadreur s/Régional wa s/préfecture

Kanazi

NTIDENDEREZA Elie.

BIMENYESHEJWE:

-Bwana Ministre w'urubyiruko no Gutsura za Koperative KIGALI.

Bwana s/préfet wa s/préfecture Kanazi

-Bwana Bourgmestre wa Komini Ngenda-Kanzenze-Gashora

-Bwana Encadreur w'urubyiruko n'imikino wa Komini Ngenda-Kanzenze-Gashora.

I

INYANDIKO MVUGO Y'INAMA Y'ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO N'IMIKINO BA KOMINI ZA S/PREFECTURE KANAZI YABE[illegible]YE KU BIRO BYA S/PREFECTURE KANAZI KUWA 20/2/84.

INAMA YATANGIYE SaaYINE N'IMINOTA ICUMI(IOHIO')

ABALI MULIYO NAMA:

-Bwana Ntidendereza Elie:Encadreur S/Régional wa s/préfecture Kanazi akaba : umuyobozi w'inama
-Bwana Bazatsinda Emmanuel:Encadeur Régional adjoint wa Prefecture ya Kigali.
-Bwana Ngayabahiga Emmanuel:Encadreur wa Komini Kanzenze:
-Bwana Safari J.Pierre; Encadreur wa Komini Gashora:Umwanditsi w'inama
-Bwana Karemera André: Encadreur wa Komini Ngenda:

Ibyali ku murongo w'ibyigwa:

I-Comportement na Ponctualité: Rapport na Progamme d'activité:
II-Gufatanya n'izindi za service :Encadreur des Coopératives
:Correspondance,inamaz'urubyiruko
III-Amashyirahamwe y'urubyiruko(G.S.E)Mouvement de jeunesse;(Groupement socio-économique)
(C.F.J)Centre de formation de la jeunesse na
(S.C.J)Service civique de la jeunesse.
IV-Gutegura Athlètisme na recontre sportives mu rwego rw'amakomini na secteurs sportifs (S/Préfecture Kanazi na S/Préfecture Rushashi) Kwamamaza umukino mushya wa Hand-ball
V-Gukora recensement y'urubyiruko cyane cyane muli za centres
-Umuganda w'urubyiruko mu masegiteri.
VI-Divers:Année International de la jeunesse:1985

I.Kubyerekeye comportement na ponctualité: Umuyobozi w'inama yasobanuriye abali mu nama ko bitewe nuko ibyo service yacu ikora ali byinshi,bimwe bitagaragara vuba,buli weselero agomba kubahiliza programu aba yatanze,nyuma akabonauko akora raporo y'ibyamushobokeye akerekana ingorane yagize;mu gihe lero akora akazi ke agomba kwifata neza,agatanga urugero rwiza mu bandi no mubo ashinzwe,yasabye lero ko ibyo byombi ali ngombwa kwifata neza, mukwigaragaza imbere y'abandimu gusobanura ibyo dukora,uhereye muli selire kugeza hejuru, tugasobanura neza akazi dushinzwe gukora ,twifash[illegible]je abagira neza bali muli ako karere dutuyemo;cyane cyane abategetsi b'akarere kugirango nabo bumve byimazeyo ibibazo duhura nabyo mugukangura urubyiruko;nibyo urubyiruko rufite ubwarwo. Yadusobanuliye ko ponctualité atali ugutangira akazi kw'isaha gusa,ahubwo no gutanga programu na rapport nabyo bili muli ponctualité kandi bikagendera igihe ;yavuze ko programu d'activité kuli ba Encadreur ba Komini ikorwa buli kwezi,naho raporoitangwa limwe mi mezi atatu (trimestriel). EncadreurRégional Adjoint:yasobanuye ko kubyerekeye comportement buli wese agomba kurangwa n'isuku kandi akareka gusebanya akita kubimureba n'ukuvuga akazi ke.Asobanura ko buli wese agomba gukulikiza programu yatanze kugirango uwamushaka amenye aho yamusanga.

2.Kubyerekeye gufatanya n'izindi services:Umuyobozi w'inama yasobanuye ko bitewe nuko Ministere ya jeunesse bayongeyeho Mouvement Coopératif ko tugomba kurushaho gufatanya n'abakora muliyo service,bityo tukuzuzanya cyanecyane mu byerekeye amashyirahamwe y'urubyiruko n'abakuze(sensibilisation rero ikaba yakorerwa hamwe)ndetse no gusura za coopératives z'urwego rwose.Kubyerekeye correspondance yasobanuye ko tuzajya dukoresha(service de la jeunesse et des sports)kugirango tutazitiranya ibyaba Encadreur bali muli Komini (ushinzwe urubyiruko n'ushinzwe za coopératives)Kubyerekeye inama z'urubyiruko yasabye ko zigomba kuba nyinshi kuko inama aliryo shuli rwihuguliramo(urubyiruko),ba Encadreur bagomba kwifashisha ba Konseye ndetse naba selire,kandi bakifashisha batekinisiye (agronome vétérnaire n'abo mu bigo bitsura amajyambere).

3.Ku kibazo cy'amashyirahamwe y'urubyiruko:(G.S.Edes jeunes). Umuyobozi w'inama yibukije ko buli ENCADREUR agomba nibura gushyiraho amashyirahamwe y'urubyiruko abili buli mwaka, kandi akareba n'igituma izisanzwe ziliho zitagenda neza akabimenyesha Bourgmestre: nko kunyereza umutungo rusange wa coopérative,gusahurwa,kwamburwa aho bakoreraga n'ibindi: -Kubyerekeye za centre de formationyavuze ko nazo bagomba collaboration,avuga kandi ko iNyamata hateganijwe gushingwa Centre de formation" J.OC",avuga ko abahegereye bazarushaho gufatanya niyo Mouvement de jeunesse niramuka itangiye.Centre ya Nyamata iratuwe cyanecyane urubyiruko ruhali ni rwinshi,iragendererwa cyane,kandi ibikorwa bihali ni byishi.icyo kibazo lero abategetsi ba Komini Kanzenze naba s/préfecture Kanazi,ndetse naba Paroisse Nyamata nibakiga neza bizashoboka.Encadreur s/Régional amaze kuvuga ko muli Komini Ngenda Président wa association yaho yibye umutungo w'iryo shyirahamwe yasabye akomeje ko ingorane ibonetse iyaliyo yose igomba kumenyeshwa ubutegetsi bwo hejuru hakili kare kandi munyandiko (Rapport) Bourgmestre akaba aliwe ubimenyeshwa mbere(Rapport circonstanciel)yongeye gushinga icyo kibazo Encadreur wa Komini Ngenda.

4.Kubyerekeye Gutegura Athlètisme et Rencontre sportives: Umuyobozi w'inamayagejeje ku bali mu nama icyifuzo cy'uko S/Préfecture Kanazi na Rushashi zizongera kurushanwa muli Athlètisme;iryo rushanwa likaba liteganijwe mumpera z'igihembwe cya kabili(Fin juinI984) nimba ntagihindutse.Ba Encadreur basabwe gushaka mu rubyiruko ba Athlètes babishoboye, cyanecyane mubakili bato de I4ans à24ans,yasabye ko buli wese yatangirahakili kare agategura ikipi ye y'imikino kugirango s/préfecture Kanazi izegukane igikombe imaze gutsindira kabili yikulikiranya n'ukuvuga ko ku kunshuroya gatatu aliho yacyegukana.UMUPIRA w'amaguru(F.B ) n'uwamaboko (v.B.):Umuyoboziw'inama yasabye akomeje ko buli Komini igomba gutegura championat,mu masegiteri,bityo komini ikagira ikipe yayo y'umupira w'amagurun'uw'intoki nyuma tuzategura championnat Intercommunal muli S/préfecture Kanazi hakazaboneka ikipe ya S/préfecture hakanashingwa Comité directeur ya sport;ubundi Komini Kanzenze niyo imaze gutera imbere kubera ko imaze guhura kenshin'andi makipi ya kule(Komini Sake-Miniposco-Gashora. na STIR) Kubireba umukino wa Hand ball,bitewe nuko ali mushya yasabye buli wese kwamamaza uwo mukino muli komini ati uwo mukino nturuhije kandi ntusaba ibikoresho biruhije.Naho umupira w'intoki (V.B.)Encadreur S/Régional Kanaziyabwiye ba Encadreurbose ko bawitaho,n'umukino woroshye udasaba ibikoresho byishi,n'umupira wawo ntuhenda cyane Komini ishobora kuwugura cyangwa igatera inkunga ... zacotisation,yibukije kandi ko vuba aha equipe ya S/préfecture ya V.B. yitegura kuzahura na Collège Rilima.

5. KUBYEREKEYE RECENSEMENTS Z'URUBYIRUKO MULI ZA CENTRES COMMERCIALES.

Umuyobozi w'ianama yasabye buli wese ko yakora iye recensement akamenya umubare w'urubyiruko ruhali kugirango bishobotse babashakire icyo bakora(occupation) asobanura kandi Kourmuganda w'urubyiruko wakwitabwaho,urubyiruko rukagira ibikorwa byrwo bwite bikageragara muli segiteri:gutera amashyamba,kubumba amategura,amatafari,guharura imihanda ya segiteri Gutunganya imihanda no gutunganya ibibuga by'imikino,gukora zapepiniyelin'ibindi.

6.KUbyerekeye Année International de la jeunesse 1985: Yasobanuye ko tugomba kwitegura uwo mwaka mubikorwa,avuga ndetse ko ali resumé yaza ngingo zose zavuzwe haruguru zali zimaze kwigwa mu nama,asaba ko buli wese yazikulikiza ,bityo akazarushaho kwitegura uwo mwaka w'urubyiruko kwisi hose I985.yasabye ko uyu mwaka I984 twatangirana umurego kurushaho kugirango akazi ka Encadreur karusheho kugenda neza no kugaragara(kugaragaza ibikorwa) ali mubo dushingwe,ali mubo dukorana muzindi za services.

=Mukurangiza iyo nama ENCADREUR Régional adjoint yamenyesheje abali mu nama ko kubyerekeye umugambi wa voyage d'étude ba Encadreurs ba Kigali;ko noneho cotisation ali 500F/mois guhera mu kwa mbere k'uyu mwaka I984. Yongeye kumenyesha ko le 8/3/84 hali inama kurwego rwa préfecture iyo nama ikazabera muli Komini Gikoro nkuko Bourgmestre wa Gikoro yali yabisabye muli voyage d'étude yaba Encadreursbo muli Kigali bakoze mu kwa cumi k'umwaka I983. Umuyobozi w'inama yasabye ba Encadreurs ko bakohereza vuba ibisubizo basabwe na Université national (U.N.R.Butare) kubyerekeye ibibazo by'urubyiruko muli iki gihe ,yashimiye ba Encadreurs bose b'urubyiruko ba ma komini ya S/Préfecture Kanazi ko baje bose kandi ko bagerageje kuzira igihe.Ashimira Encadreur Régional adjoint wa préfecture ya Kigali waje gufatanya nabandi bahuje akazi ka Encadrement.Inama yarangiye saa sita n'iminota mirongo itanu ( I2H50')

Uuyobozi w'inama :Encadreur S/Régional Kanazi
NTIDENDEREZA Elie

Umwanditsi w'inamaEncadreur Gashora
SAFARI J.Pierre